


Amategeko Agenga Kunywa no Gutwara Ibinyabiziga

Kunywa ibisindisha bizana impinduka mu bwonko no mu mubiri zishobora gutuma imitwarire y'ikinyabiziga y'uwanyweye iba itizewe. Impinduka zihungabanya imitwarire y'ibinyabiziga zirimo: kureba ibikezikezi no kumva amahushuka, kudashobora gutandukanya neza ikibi n'icyiza, kugabanuka mu bushobozi bw, imyumvire no guhuza ibintu ndetse no gufatwa n'ibitotsi. Abapolisi bashobora kugaragaza ingano y'umusemburo umuntu yanyweye bakoresheje ikizami cy'ingano y'umusemburo mu maraso (BAC: blood alcohol concentration). Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, amategeko abuzi igipimo cya BAC kirengeje .08 ku ijana. Hari Leta zimwe na zimwe zifite ibipimo ntarengwa bya BAC biri hasi ku batarageza ku myaka y'ubukure n'abayobozi b'ibinyabiziga batwara by'ubucuruzi. Iyo upimwe bagasanga igipimo cyawe cya BAC kirengeje urugero rwemewe n'amategeko, ushobora gukurikiranwaho icyaha cyo gutwara ikinyabiziga wanyoye, kinitwa DWI, DUI, cyangwa gutwara wasinze.

Bisaba ibinyobwa bingana iki ngo umuntu agere ku gipimo ntarengwa kemberwa n'amategeko? Ntagisubizo cy'ako kanya gihari kuri ki kibazo. Habaho za mubazi n'imbonerahamwe zagufasha kugereranya igipimo cy'umusemburo mu maraso ugendeye ku ngano y'ibyo wanyweye. Icyakora, izi mbonerahamwe zigomba gukoreshwa nk'izo kwifashishwa gusa. Buri muntu agira ibimuranga byihariye nk'ibiro, igitsina, ingano y'ibinure mu mubiri n'ibyo avana mu ruhererekane rw'abo akomokaho bigira uruhare mu kugaragaza igipimo cye cya BAC.

Ikinyobwa kimwe kigira igipimo kingana gite? Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ikinyobwa kimwe gisanzwe ni ikinyobwa cyose gifite igipimo cyiri hafi ya awunsi (ounce) 0.6 cyangwa garama 14 z'umusemburo. N'ubwo ibinyobwa bifotoye aha hasi bifite ingano zitandukanye, buri cyose kirimo ingano ijya kungana y'umusemburo kandi kikabarwa nk'ikinyobwa kimwe.



Aho ibishushanyo byavuye:

http://pubs.niaaa.nih.gov/publications/RethinkingDrinking/Rethinking_Drinking.pdf

Inama isumba izindi ni ukudatwara ikinyabiziga wanyoye. Habaho amategeko akarishye ahana icyaha cyo gutwara wasinze. Iyo utwaye wanyweye, uba ushyize mu makuba umudendezo wawe, ubukungu bwawe n'ejo hazaza hawe.

Amakuru akurikira ni umurongo ngenderwaho ku mahazabu n'ibihano ushobora guhabwa iyo ufashwe utwaye ikinyabiziga utari muzima. Hari andi mategeko, amahazabu n'ibihano ku bantu batagejeje imyaka 21, abagaragaje igipimo cyo hejuru cya BAC n'igihe hari umwana mu modoka utwaye. Iyi mirongo ngenderwaho ishingiyeye ku byaha bikorwa mu gihe cy'imyaka 10.

Ku nshuro ya mbere umuntu ahamwe n'icyaha cyo gutwara ikinyabiziga yasinze, uruhushya rwe rwo gutwara rushobora guhagarikwa (akarwakwa) mu gihe runaka. Umuyobozi w'ikinyabiziga agomba kandi kwishyura ihazabu no/cyangwa gufungwa. **Igihe cyose** umuyobozi w'ikinyabiziga atakaje uruhushya rwe rwo gutwara biturutse kuri DWI, agomba kuzuza ibisabwa kugira ngo arusubirane nko kwishyura indi hazabu, gukora ikizamini cy'ubumenyi kuri DWI, gusaba uruhushya rwo gutwara no gupimwa muri laboratwari.

Ku nshuro ya kabiri umuntu ahamwe n'icyaha cyo gutwara ikinyabiziga yasinze, uruhushya rwe rwo gutwara ruhagarikwa nibura igihe gisumba icya mbere. Anishyura kandi ihazabu iruta iya mbere kandi/cyangwa agafungwa igihe kiruta icya mbere. Uruhushya rwe rwo gutwara rushobora kugwaturwa, bivuze ko arwakwa rugasimbuzwa uruhushya rwihariye ruhambwa gusa abahamwe n'ibyaha byo gutwara basinze (DWI). Agomba kandi kuzuza ibisabwa kugira ngo arusubizwe.

Ku nshuro ya gatatu umuntu afatiwe DWI, atakaza uruhushya rwe rwo gutwara igihe cyisumbuye akanishyura ihazabu nini kurushaho kandi/cyangwa agafungwa igihe cyisumbuye. Uruhushya rwe rwo gutwara rushobora kugwaturwa n'imodoka ye igafatirwa ibihano, bivuze ko polisi iyitwara nyirayo ntazongere kuyibona kandi ntagire amafaranga yayo yishyurwa. Umuyobozi w'ikinyabiziga agomba kandi kuzuza ibisabwa kugira ngo asubizwe uruhushya rwe rwo gutwara. Nyuma y'ibyaha bitatu bya DWI, umuyobozi w'ikinyabiziga ashobora gukurikiranwa kwa muganga no gukorerwa ibizami by'inkari, muri leta zimwe na zimwe mu gihe cy'umwaka umwe, kugira ngo barebe ko atakinywa.

Ku nshuro ya kane umuntu ahamwe na DWI mu gihe cy'imyaka 10, ashobora gukurikiranwaho icyaha mpanabyaha. Uruhushya rwe rwo gutwara rwamburwa agaciro mu gihe cy'imyaka 4 akanategekwa gukurikiranwa kwa muganga no kugaragaza ikimenyetso koyahagaritse inzoga nibura mu gihe cy'umwaka. Ashobora no gusabwa kureka inzoga burundu nyuma yo gusubizwa mu murongo. Urugero, muri Minnesota mu mwaka wa 2015, abantu bakuricyiranyweho icyaha mpanabyaha cya DWI bafunzwe imyaka igera kuri 7 harimo imyaka 5 bashobora gusubikirwa igifungo hiyongereyeho ihazabu y'amadolari 14,000.

Guhamba na DWI byagira ingaruka ku burenganzira bw'umwimukira. Iyo umuntu afatiwe icyaha cya DWI, polisi imufata igikumwe n'amafoto ikinjiza amakuru amwerekeye mu bubiko bw'amakuru bw'igihugu. Uwo muntu aba agize inenge ihoraho y'icyaha mpanabyaha. Kugira inenge y'icyaha mpanabyaha bishobora kugira ingaruka iyo umuntu asabye guhindura uburenganzira bwe bw'umwimukira. Urugero; bishobora gutuma wangirwa Ikarita y'Akazi (Green card) cyangwa ubwengehugu cyangwa byakomera kurushaho, ukavanwa ku butaka bwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Aho byavuye: <http://www.dmv.org/mn-minnesota/automotive-law/dui.php>